# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

Amakuru yaranze Gashyantare, 2023

www.nyamagabe.gov.rw

## KWIZIHIZA UMUNSI W'INTWARI Z'IGIHUGU MU KARERE KA NYAMAGABE



Ku wa 01 Gashyantare 2023, mu Mirenge yose y'Akarere ka Nyamagabe hizihijwe Umunsi w'Intwari z'Igihugu maze abaturage basabwa gukomeza gusigasira ibyagezweho n'intwari z'u Rwanda nk'uko zabiharaniye. .........Page 2

### ABATURAGE BASABWE GUKOMEZA KURWANYA ISURI MU MIRIMA YABO



Ku wa 25 Gashyantare, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Alice Kayitesi ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kaduha mu muganda rusange usoza ukwezi kwa kabiri.....*Page 3*

### ABAYOBOZI BASABWE KUBA UMUSEMBURO W'IMPINDUKA MU ITERAMBERE RY'ABATURAGE



*Page 6*

# Umunsi w'Intwari: Abaturage ba Nyamagabe basabwe gusigasira ibyagezweho

Ku wa 01 Gashyantare 2023, mu Mirenge yose y'Akarere ka Nyamagabe hizihijwe Umunsi w'Intwari z'Igihugu maze abaturage basabwa gukomeza gusigasira ibyagezweho n'intwari z'u Rwanda nk'uko zabiharaniye.

Ku rwego rw'Akarere kwizihiza umunsi w'Intwari byabereye mu Mudugudu wa Subukiniro, Akagari ka Rugogwe mu Murenge wa Uwinkingi. Witabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Uwamahoro Clothilde, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes ndetse n'inzego z'umutekano.

Muri uyu muhango hatanzwe ikiganiro cyagarutse ku mateka y'intwari z'u Rwanda n'ibyiciro zigiye zirimo.

Mu ijambo rya Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yavuze ko ibimaze kugerwaho bitandukanye abanyarwanda babikesha intwari zitanze.



*Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes ageza ubutumwa ku bitabiriye umuhango wo kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu*



*Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Uwamahoro Clothilde ageza ijambo ku bitabiriye umuhango wo kwizihiza Umunsi w'Intwari z'Igihugu*

Yagize ati "Kuzirikana izo ntwari neza, kuziha agaciro zikwiye ni uguharanira gusigasira ibyo baharaniye. Kugira ngo tube intwari tugomba gukunda Igihugu, gukunda umurimo, gukunda bagenzi bacu, guharanira iterambere. Ibyo byose biratuganisha ku neza ya buri munyarwanda".

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yasabye buri wese kwiyemeza icyo agiye gukora no kugambirira kuzaba intwari avuga ko kuba intwari ari ukugira umutima witangira abandi, kuba inyangamugayo, gukorera Igihugu no kureba inyungu rusange mbere yo kureba inyungu bwite.

Muri uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yavuze ko kuba intwari bisaba kuzirikana indangagaciro z'abanyarwanda, avuga ko kwihangana, gukunda Igihugu, kugira intumbero no guharanira ibyiza byaranze intwari z'u Rwanda aribyo bitumye ubu abaturage bafite umutekano.

# Abaturage basabwe gukomeza ibikorwa byo kurwanya isuri mu mirima yabo

Ku wa 25 Gashyantare, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Alice Kayitesi ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kaduha mu muganda rusange usoza ukwezi kwa kabiri.

Muri uyu muganda abayobozi n'abaturage baciye imirwanyasuri mu mirima y'abatuge mu Kagari ka Kavumu mu Mudugudu wa Bamba aho bakoze ku buso bwa hegitari eshatu.

Nyuma y'umuganda, abayobozi baganiriye n'abaturage maze babibutsa ko bakwiye gukomeza kwita ku bikorwa byo kurwanya isuri mu mirima yabo by'umwihariko bibanda ku hantu hahingwa.





Guverineri Kayitesi yashimye ko abaturage b'Umurenge wa Kaduha bafite ubushake n'imikorere bizabafasha gutera imbere.

Yasabye abaturage gukomeza gushyira imbaraga mu bikorwa byo kurwanya ibiza kuko ari ibikorwa bishoboka.

Yagize ati "Igikorwa twakoze uyu munsi, uko turi aha twese buri wese aba akwiriye kugikora mu murima we, kurwanya isuri, ibibazo byinshi by'ibiza, imirima yagundutse, imyaka igenda tubiterwa n'ibintu dushobora kuba twakwikemurira nk'uko dukoze imirwanyasuri hariya, ndagira ngo mbasabe rero buri wese ahere mu murima we, dukore imirwanyasuri dutereho ubwatsi bizadufasha".

Guverineri kandi yasabye abaturage kwimakaza amahoro mu muryango, kubahana no koroherana, avuga ko amakimbirane mu miryango agira ingaruka ku bana n'umutekano muri rusange.

Mu butumwa bw'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, yibukije abaturage kwimakaza ihame ry'uburinganire, kuzitabira ibiganiro bijyanye no kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore uzizihizwa taliki 8 Werurwe, kwita ku burere bw'abana, gutoza abana gusoma, kwimakaza umuco w'isuku mu ngo no ku mubiri no gusaba inyemezabwishyu y'ikoranabuhanga (EBM) mu gihe bagize ibyo bagura.



# Umunsi w'Intwari z'Igihugu: Abanyeshuri basabwe gukunda umurimo no kuwunoza

Ku munsi wo kwizihiza Umunsi w’Intwari z’Igihugu, abakozi b’Akarere ka Nyamagabe bakinnye umukino wa gishuti n’abakozi ba Give Directly mu Karere ka Nyamagabe.

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi w’Intwari z’Igihugu mu Karere ka Nyamagabe, abayobozi batanze ibiganiro ku banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye na kaminuza.

Umuyobozi w’Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand ari hamwe n’Umuyobozi wa Brigade ya 501, Col. Peter Mutangana batanze ikiganiro muri ES Mudasomwa.



Ikiganiro cyatanzwe muri Ecole des Sciences Nyamagabe aho cyatanzwe n’Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Thaddée Habimana naho Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Agnes Uwamariya atanga ikiganiro muri GSNDP Cyanika.

Umuyobozi wungirije wa Brigade ya 501, Lt. Col. TK Simba ari hamwe n'Umukozi Ushinzwe Urubyiruko, Umuco na Siporo mu Karere batanze ikiganiro muri TTC Mbuga.

Umuyobozi w’Akarere ka Nyamagabe ari hamwe n’Umuyobozi wa Brigade ya 501 kandi baganiriye n’abanyeshuri ba IPRC Kitabi ku muco w’ubutwari.




Nk’uko insanganyamatsiko y’uyu mwaka yagiraga iti “Ubutwari mu Banyarwanda, Agaciro Kacu”, mu butumwa abayobozi batanze bagarutse kugira ibitekerezo byiza, gukunda Igihugu, gukunda umurimo ndetse no kuwunoza.

Abahawe ibiganiro nabo batanze ibitekerezo kandi bagaragaza ko biteguye guharanira kurangwa n’umuco w’ubutwari mu byo bakora byose.





# Abayobozi b'amashuri basabwe kwimakaza Ndi Umunyarwanda



Ku wa 10 Gashyantare, abayobozi b'ibigo by'amashuri abanza n'ayisumbuye mu Karere ka Nyamagabe bateraniye muri ESc Nyamagabe maze bagezwaho ikiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda aho basabwe kwimakaza iyi gahunda aho bakorera n'aho batuye.

Afungura ibi biganiro, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yasabye aba bayobozi nabo kuzageza iki kiganiro ku barimu n'aho batuye.



Agaruka kuri Ndi Umunyarwanda, Umuyobozi w'Akarere yagize ati "Dukeneye kubaka iki Gihugu ku buryo isano tugirana ishingira kuri Ndi Umunyarwanda"

Ikiganiro kirambuye kuri Ndi Umunyarwanda bakigejejweho na Pastor Anicet Kabalisa waturutse mu muryango AMI Ubuntu.



Yabibukije kandi kubera urugero abaturage mu kwitabira no gushyira mu bikorwa gahunda za Leta by'umwihariko abasaba gukangurira abaturage kugira isuku.

Umuyobozi w'Akarere yagarutse ku mitsindire y'abanyeshuri maze asaba abayobozi b'amashuri gutoza abana gusoma ibitabo ndetse abayobozi n'abarimu bakajya bafatanya n'ababyeyi kumenya ko umwana atira ibitabo by'ishuri kandi abisoma.

www.nyamagabe.gov.rw

# Abayobozi basabwe kuba umusemburo w'impinduka

Abayobozi bahagarariye ibyiciro bitandukanye mu Mirenge ikora kuri Parike ya Nyungwe basabwe kuba umusemburo w'impinduka mu mibereho y'abaturage bayoboye.

Ibi babisabwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand ubwo yari hamwe n'inzego z'umutekano basura iyi Mirenge mu minsi itandukanye.

Imirenge basuye ni Kitabi, Uwinkingi, Nkomane na Buruhukiro. Mbere yo kuganira n'abayobozi bahagarariye ibyiciro bitandukanye, aba bayobozii bakoranye umuganda n'abaturage.





Mu Murenge wa Kitabi, Akagari ka Shaba bakurungiye inzu y'umuturage utishoboye. Mu Murenge wa Uwinkingi, Akagari ka Rugogwe hakozwe umuhanda uri mu Mudugudu wa Subukiniro. Mu Murenge wa Nkomane hakozwe amaterasi ku musozi mu Kagari ka Nkomane naho mu Murenge wa Buruhukiro hakozwe umuganda wo gutunganya isoko y'amazi aho abayobozi n'abaturage bafatanyije kugeza amabuye n'umucanga aharimo gutunganywa iyi soko.

Ibiganiro byagarutse ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zitandukanye maze abayobozi basabwa guharanira gukora ibikorwa bizana impinduka mu baturage.





Umuyobozi w'Akarere yavuze ko abayobozi bakwiye guharanira guteza imbere isuku mu baturage, kohereza abana ku ishuri kandi ababyeyi n'abayobozi b'amashuri bagakurikirana ko abana badasiba ishuri.

Abayobozi basabwe kandi gusigasira umutekano w'abaturage by'umwihariko bibanda ku kuzamura iterambere ry'umuturage kuko ariryo shingiro ry'umutekano muri rusange.

**www.nyamagabe.gov.rw**

# Urubyiruko rwigishijwe kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside

Ku wa 17 Gashyantare, Hon. Senateri Nkurunziza Innocent na Hon. Depite Winifrida Niyitegeka bari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe baganiriye n'urubyiruko ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni muri gahunda y'Ihuriro ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira jenoside ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF) aho ibi biganiro n'urubyiruko byari bigamije kubasobanurira amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.





Ibi biganiro n'inzego z'urubyiruko byibanze ku mateka yo gusenyuka k'Ubunyarwanda kuva mu bukoloni kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, uko Jenoside yateguwe n'uko yashyizwe mu bikorwa.

Izi ntumwa za rubanda kandi zagaragarije urubyiruko uko Jenoside yakorewe Abatutsi yahagaritswe n'ingamba Leta yashyizeho mu rwego rwo guhangana n'ingaruka zayo no gusaba urubyiruko gufata ingamba bagaragaza uruhare rwabo mu gusigasira Ubunyarwanda.



Nyuma y'ibiganiro, urubyiruko rwiyemeje gufata ingamba no kubakira ku byagezweho mu guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Biyemeje kandi kugeza ibiganiro kuri bagenzi babo mu rwego rwo kugira ngo hubakwe umuryango nyarwanda uzira ingengabitekerezo ya Jenoside.

# Abasenateri basuye ibikorwa byo kubungabunga amashyamba mu Karere ka Nyamagabe

Ku wa 21 Gashyantare, Hon. Senateri Nyinawamwiza Laetitia na Hon. Senateri Kanyarukiga Ephraim bagize Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari muri Sena basuye Akarere ka Nyamagabe mu rwego rwo kumenya ibikorwa mu kongera amashyamba, kuyacunga no kuyabyaza umusaruro.

Aba basenateri bakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Thaddée Habimana maze abagaragariza ibikorwa by'amashyamba bihagaze mu Karere.



Nyuma y'ibiganiro bagiranye, aba basenateri baherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije basuye ibikorwa bya Ultimate Forests Company mu Murenge wa #Gatare baganira n'ubuyobozi bwayo ndetse basura n'aho iyi company irimo gusazura amashyamba yo ku mukandara wa Nyungwe.

Aba basenateri bashimye ibikorwa by'iyi company by'umwihariko ko bikorwa n'abanyarwanda gusa kandi bikaba bitanga icyizere ko abakoramo bafite ubushobozi bwo kubungabunga amashyamba.





Bakomeje basura IPRC Kitabi maze baganira n'ubuyobozi bw'iri shuri n'abanyeshuri biga ibijyanye no guteza imbere amashyamba. Ibiganiro byibanze ku ngamba zafasha mu kongera no kubungabunga amashyamba.





www.nyamagabe.gov.rw

# RDF Command and Staff College students tour health facilities in Nyamagabe



From 14th to 15th February 2023, twelve students from RDF Command and Staff College accompanied by the course facilitators visited Nyamagabe District to learn about implementation of health policies.



It is part of the students' research which would help depict a general image of healthcare services and health policies in Rwanda.

On 14th the team, District officials presented to them status on institutional strengthening of health facilities in Nyamagabe and held exchanges on the healthcare system and challenges this sector still faces.



Accompanied by District Mayor, Hildebrand Niyomwungeri, on 15th, they visited Kigeme Hospital and Kitabi Health Center where they were briefed about healthcare services provision and also interacted with patients on experience at the facilities.

www.nyamagabe.gov.rw

# FOLLOW US ON:

@Nyamagabe

Nyamagabe District

**www.nyamagabe.gov.rw**

Content, design and photos

by

John MBARAGA
Public Relations, Media and Communication Officer

**www.nyamagabe.gov.rw**